

A.2. Patrimoine Culturel
Rapero

REPUBLIQUE RWANDAISE

Umucyo

GISENYI, le 20/2/98

PREFECTURE GISENYI

N° 00 5/ ENCAPREJESCAFOP/98

ENCAPREJESCAFOP.


PC

IMPANVU: RAPORO

Y'UMWAKA WA 97.

KURI BWANA MINISITIRI W'URUBYIRUKO, SIPORO,
UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE

K I G A L I



BINYUJIJWE KURI BWANA PEREPE WA PEREFEGITURA

G I S E N Y I

BWANA MINISITIRI,

NKUKO BISANZWE, NSHIMISHIJWE NO KUBOHEREREZA

KU MUGEREKA WURU RWANDIKO RAPORO Y'UMWAKA WA 97.

NKABA MBASHIMIYE, BWANA MINISITIRI, UKO

MUYAKIRA MUKURIKIJE INGORANE ZIRI MURI AKA KARERE TURIMO N'IZO MU ^{KAZI} ZITOROSHYE.

UMUYOBOZI W'URUBYIRUKO, SIPORO, UMUCO NO

KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE

RUFUKO GAKWAYA EMMANUEL.



RAPORO Y'UMWAKA 1998.

I . UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO, SIPORO, UMUGO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE MURI PEREFECTURA GISENYI.

- II . UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO MURI KOMINI.
- III . ISHAMI RY'URUBYIRUKO N'AMASHYIRAHAMWE YARWO.
- JV . ISHAMI RYA SIPORO N'IMYIDAGADURO.
- V . ISHAMI RY'UMUGO.
- VI . ISHAMI RY'IMYUGA ICIRIRITSE.
- VII . INGORANYI ZABONNISE.
- VIII . GAHUNDA Y'INGAMBA Z'UMWAKA WA 98.

I. ABAKOZI MU RWEGO RWA PEREFECTURA:

KU RWEGO RWA PEREFECTURA, HARI ABAKOZI 2 GUSA.

- 1 . RUFOKO GAKWAYA EMMANUEL
- 2 . RUZINDANA ISHYAKA PASIKARI

II. ABAKOZI MU RWEGO RWA ZA KOMINI:

- 1 . RUZINDANA EMILE WA KOMINI RUBAVU
- 2 . NTUYAHIMANA THARCISSE WA KOMINI MUTURA
- 3 . GAKINDA GERARIDI WA KOMINI NYAMYUMBA
- 4 . BIZIMANA FRANCOIS XAVIER WA KOMINI KAYOVE
- 5 . MUGABO SIMON WA KOMINI KARAGO
- 6 . INGABIRE ADIRIYANI WA KOMINI GIGIYE
- 7 . KUBWAYEZU FLAVIER WA KOMINI SATINSYI
- 8 . MUSABYIMANA WA KOMINI KIBIRIRA
- 9 . GASIRABO FEREDERIKO WA KOMINI RAMBA
- 10 . BUCYENSENGE GERARIDI WARI UWA KANAMA YARISHWE
- 11 . UWIMANA EVARISTE WARI UWA RWERERE YARISHWE
- 12 . MURI KOMINI GASEKE NTA MUKOZI UHABA KUKO UHAGIYE ADAHEMWE NK'ABANDI.

N B HABARIYA 9 BAHASIGAYE BAHANYANYAZA, NTIBAHAMBUWA KUKO NTA KONTARO BAGIRANYE NA KOMINI ZABO . BAGURIZWA HASHIZE AMEZI N'AMEZI NGO NIJESCAPOF IZISHYURA.

III . ISHAMI RY'URUBYIRUKO N'AMASHYIRAHAMWE YAMWO:

- KUBERA UMUTSEKANO MUKE URANGWA MU MAJYAHUGURU Y'U RWANDA, NTAEMO NTA BAHURA RY'URUBYIRUKO RYABAYE N'AMASHYIRAHAMWE YAMWO RYABAYE. NUKUVUGA KO ABASHINZWE URUBYIRUKO BATASHOBYE KUGIRA icyo BAKORA. URETSE KOMINI KAYOVE IFITE URUBYIRUKO KUVA KU MYAKA 14 - 25: ABAKOBUWA 20 253 N'ABAHUNGU 18 812; BOSE = 39 065.
NA KOMINI NYAMYUMBA IFITE ABAKOBUWA 16 935 N'ABAHUNGU 14 961; BOSE = 31 896.
- INZEGO Z'URUBYIRUKO ZARI ZASHYIZWEHO KUGERA KU RWEGO RWA KOMINI, ARIKO KUBERA UMUTSEKANO MUKE URANGWA MU MAKOMINI YOSE YA PEREFEGITURA GISTENZI, NTIZASHOBYE GUKORA NKUKO NINDI MIRIMO ITAKOZWE UKO BIKWIYE.

IV . ISHAMI RYA SIPORO N'INYIDAGADURO:

- a) - MURI KOMINI Y'UMUGI YA RUBAVU SIPORO ZARAKOZWE NUBWO ATARI SHYASHYA, MU MUPIRA Y'AMAGURU N'AMABOKO (FB, BB NA VB) KUKO HABAYE AMARUSHANWA MENSHI MU RWEGO RW'ABANYESHURI N'ABATARI ABANYESHURI. URETSE KO ABANYESHURI BAGEZE NO MU RWEGO RW'I GISHUGU MU MUPIRA W'AMAGURU BAKUGUKANA IGIKOMBE BARI I BUTARE?.
- NO MU MIKINO NGORORAMUBIRI (ATHLETISME) BABONYE IMEDARI ITARI NIKE MU RWEGO RW'I GISHUGU.
- ANDI AMARUSHANWA YABAYE MU MIKINO YO:
- 1. KOGA INSHURO NYINSHI.
- 2. KWIRUKA NABYO BYABAYE INSHURO NYINSHI.
- 3. AMARUSHANWA MU ISIGANWA RY'AMAGARE KU BINTU N'ABAZIMA.

b) INYIDAGADURO:

Habayeho amarushanwa atari make mu rwego rwa PEREFEGITURA YAHUJE AMATORERO AKORESHA IBINTU BYA GAKONDO NI BYA KIZUNGU.

V . ISHAMI RY'UMUCO NYARWANDA:

KUBERA ITSEMAMUCO RYAGAGAJE U RWANDA KUVA K'UMWADUKO W'ABAKOLONI IKATUGEZA MURI
HURANGIZA YA 94, IGARURAMUCO NYARWANDA RYITANEHO MURI PEREFEGITURA GISENYI NUBO;....
UBU TUKABA TWIZEYE IMPUZAMUCO IZATUGEZA KW'IBUYE NSANGANYARUKUTA.
KUBERA IZO MPANVU, MURI PEREFEGITURA GISENYI HABAYE HABAYE AMARUSHANWA MENSHI YAHUJE
AMATORERO N'ABANTU KU GITI CYABO KUBIREBANA N'UMUCO MU RWEGO RWA PEREFEGITURA.
NAHO MU RWEGO RW'I GIHUGU, ITORERO TWIZERANE RYA KOMINI RUBAVU RISRUKIRA NEZA
PEREFEGITURA GISENYI , RINWE YAZANYE IGIKOMBES UBUNDI IAHANA AMAFARANGA IBIHUMBELI
MAGANA AFATU. IBYO BIKABA BYEREKANA KO YITWAYE NEZA MU RWEGO RW'I GIHUGU.

HABAYE N'AMU MARUSHANWA MENSHI MU UKWIMAKAZA UMUCO
W'AMAHORO; ORCHESTRE YO MU KIGO CY'ABADAHOGORA IHAGARARIRA PEREFEGITURA GISENYI
INSHURO NYINSHI MU BURYO BUSHINZWE ABABYUNVISE BAKANABIBONA.

HAGIYE HABA N'IBIGANIRO MPAKA MUGUCENGENZE UMUCO
W'AMAHORO N'UMUCO MU ITERAMBERE RY'I GIHUGU KIMWE NO MU INGANDO ZABAYE.

IBINE BICENZE NEZA, IBYO BIGANIRO BYAZAKOMEZA MU
GUSHISHIKARIZA IMPUZAMUCO MU RWEGO Z'URUBYIRUKO MU RWEGO RWA KOMINI NIBURA KIMWE
MU KWIZA MURI BURI KOMINI.

VI. ISHAMI RY'IMYUGA ICIRIRITSE:

KUBIREBANA N'IMYUGA, NARI NASABYE ABASHINZWE URUBYIRUKO MU MAKOMINI KUGIRANGO BABARURERE
IMYUGA YOSE IBONEKA MURI KOMINI BASHINZWE. ARIKO KUBERA IKIBAZO CY'UMUTEKANO MUKE
ntacyakozwe. CYAKORA AGAHENGES KABONETSE NAKONGERA NKABIBUTSA .
BAGAKORA IBARURA RYIYO MYUGA HAMWE N'IBIGO BYAHOZE ARI AMASERATI (CERAI) KUGIRANGO
TUREBE KO HARI IBYASHOBORA GUKORESHWA BITARUHANYIJE CYANE.

VII. INGORANE ZIBONEKA MURI RUSANGE:

- 1 . ABAKOZI 2 GUSA MURI PEREFEGITURA KANDI BAGOMBEYE KUBA NIBURA 6;
 - USHINZWE URUBYIRUKO N'AMASHYIRAHAMWE YARWO.
 - USHINZWE SIPORO N'IMYIDAGADURO.
 - USHINZWE UMUCO
 - USHINZWE IMYUGA ICIRIRITSE

.../...

- UMWANDITSI (SECRETAIRE).
- USHINZWE UBUTUMWA N'ISUKU (PLANTON).
- 2 . ABAKOZI BASHINZWE URUBYIRUKO MU MAKOMINI BADAHEMBWA.
- 3 . IPIKIPIKI YAPFUYE NTIKORWE NUBWO KUZINDANA PASIKARI ARIWE UZI UKO IMEZE.
- 4 . KUBURA IBIKORESHO BYO MU BIRO.
- 5 . KUBURA IBIKORESHO BY'IMIKINO INYURANYE (DIFFERENTS MATERIELS SPORTIFS).
- 6 . KUBURA UBURYO NGO DUSHIMANGIRE INZEGO Z'URUBYIRUKO NIBURA INAMA 1 MU KWEZI IGABUZA ABAGIZE IZO NZEGO MU RWEGO RWABURI KOMINI.
- 7 . KUDAHUGURA ABAYOBOZI B'URUBYIRUKO BO MU MAKOMINI.
- 8 . KUBURA UBURYO NGO DUKUGURE URUBYIRUKO MU BURERE MPUZAMUCO NA MBONERA GIHUGU.
- 9 . KUBURA AMAVUTA NGO PEREFEGITURA IDUTIZE IMODOKA NGO DUKURIKIRANE AKAZI MU MAKOMINI.
- 10 . KUDASANA IKIGO (C F J) CYA KARAGO NGO KIVE MU MABOHO Y'ABAKIBOHOTJE.
- 11 . KUBURA AMIKORO NGO HAKORESHWE INGANDO MURI BURI KOMINI Z'URUBYIRUKO RWOSE.
- 12 . KUTABONA AMAFARANGA Y'UBUTUMWA (FRAIS DE MISSION).

VIII. GABUNDA Y'INGAMBA Y'UMWAKA WA 98:

A. URUBYIRUKO N'AMASHYIRAHAMWE YARWO:

1. KUBARURA URUBYIRUKO RITIZE N'UMWAGIKIJE AMASHURI KUVA KU MYAKA 14- 25.
2. KUBARURA ABANA BATABIRA KIVURIRA N'ABARI MU BIGO BY'ABAGIRANEZA.
3. KUBARURA AMASHYIRAHAMWE Y'URUBYIRUKO N'UMWIRONDORO WAYO (IDENTIFICATION DES G.S.E.).
4. KUMENYA AMASHYIRAHAMWE Y'ABARI , URUBYIRUKO RWAMUGAYE N'URUTAGIRA KIVURIRA.
5. GUSHIMANGIRA NO GUSOBANURA AKAMARO K'INZEGO Z'URUBYIRUKO BINYUZE MU NAMA ZABERA MURI BURI KOMINI NIBURA RIMWE MU KWEZI.
6. GUSHISHIKARIZA URUBYIRUKO UKO RWAKWIBUMBATIRA UMUTEKANO RUFATANIJE N'IZINDI NZEGO.
7. GUSHISHIKARIZA URUBYIRUKO UKO RWAKWIRINDA INDWARA Z'IBYOREZO CYANE CYANE S I D A .
8. GUTEGURA URUBYIRUKO KUGIRANGO RUKAKORE UMUNSI WARWO MU RWEGO RWA PEREFEGITURA RWEREKANA IBYO RWAKOZE MU MYUGA INYURANYE (EXPOSITION VENTE).

... / ...

B. SIPORO N'IMYIDAGADURO (SPORT ET LOISIRS):

1. SIPORO (IMIKINO INYURANYE):

KUNVISHA ABANTU BOSE BO MU NZEGO ZOSE KO IMIKINO ARI GAHUZAMIRYANGO KUKO ITUMA ABANTU B'INGERI ZOSE BABA BAKUNDANA CYANGWA BAKUNDANA BAGIRANA U B U S A B A N E.

GUTEGURA AMARUSHANWA Y'IMIKINO INYURANYE BISHOBOTSE MU INZEGO ZOSE.

UHUZA URUBYIRUKO RURI MU MASHURI N'URUTAYARIMO MU MIKINO INYURANYE KUGIRANGO KURUSHEHO KUGIRANA UBUSABANE.

GUTEGURA IMIKINO Y'ABANTU BOSE (SPORT DE MASE) KUGIRANGO BASHOBORE KUNCA UBUMWE NUBWO IBIKORESHO BITABONEKA BITUMA IYO MIKINO ISHYIRWA MU BIKOREWA.

GUTEGURA AMARUSHANWA MU MIKINO INYURANYE: IZAHUZA Abasirikari, AMAKOMINI, ABACURUZI N'ABAKURU B'IMIRIMO KUKO ITUMA ABANTU BATINYUKANA, U B U S A B A N E BUKAGANZA MU BANTU.

2. IMYIDAGADURO:

GUTEGURA AMARUSHANWA MU RWEGO RWA KOMINI MU MATORERO AHABONEKA BAKORESHA IBIKORESHO BYA GAKONDO N'IBYA KIZINGU. HABA MU MATORERO CYANGWA UMUNTU KU GITI GYE.

GUKORESHA IBITARAMO KU RWEGO RWA PEREFECTURA NIBURA RIMWE MU GIHEMWE KUGIRANGO ABANTU BASHOBORE GUSABANA KUKO IMYIDAGADURO NAYO ARI GAHUZAMIRYANGO.

C. UMUCO (LA CULTURE DE LA PALX):

KUBERA KO ITSEMBAMUCO RYATOGOJE U RWANDA RIKARIROHA MU MAHANO YO MURI 94 ATAZIBAGIRANA KU'ISI HOSE, HAKWIYE IGARURAMUCO NYARWANDA (IMPUZAMUCO) INYJLIWE MU BICANIRO MPAKA

CONFERANCES DEBATS), MU INDIRIMBO, IMVUGO n'INKINAMICO.

GUSOBANURIRA ABANTU BOSE CYANE CYANE URUBYIRUKO:

1. UMUCO W'AMAHORO MURI URU RWANDA RWAGU MURI IKI GIHE MPINDURAMATWARA.

2. UMUCO MU ITERAMBERE MU GIHUGU CYAGU NDESE NO HANZE YAGYO.

3. GUTEGURA AMARUSHANWA AGAMJE GUCINGEZA UMUCO MWIZA MU BANTU.

4. GUTEGURA BISHOBOTSE ISENYUKIRAMUCO RY'AMAHORO (FESTIVAL DE LA PALX) MU RWEGO RWA PEREFECTURA NIBURA 2 MU MWAKA, URUBYIRUKO BUKAGIRAMO URUHARI RUGARAGARA.

... /

D. INYUGA ICIRIKITSE (FORMATION PROFESSIONNELLE):

1. KUBARURA IBIGO BY'INYUGA (CENTRE DE FORMATION DES JEUNES) BYAHOZE ARI AMASHIRAYI (GERAI) .
2. KUREBA IBISHOBORA GUFANGIRA GUKORA MURI BURI KOMINI NIBA AMUKORO ABONETSE.
3. KUBARURA INYUGA IBONEKA MURI BURI KOMINI YABA IKORWA MU BURY BW'AMASHYIRAHAMWE CYANGWA IKORWA N'UMUNTU KU GITI CYE.
4. KUBERA KO MURI MINISITERI HARI UBUYOBOZI 4 (4 DIRECTIONS) AH **MINJESCAPOP**,
HARI HAKWIYE ABAKOZI NIBURA 6 KUGIRANGA IYI MIRIMO UMUSARURO USHOBORE KWiyongera:
 - A. USHINWE URUBYERUKO N'AMASHYIRAHAMWE YARWO.
 - B. USHINZWE SIPORO N'IMYIDAGADURO (SPORT ET LOISIRS).
 - C. USHINWE UMICO N'UBURERE MBONERA GIHUGU (CULTURE ET EDUCATION CIVIQUE).
 - D. USHINZWE INYUGA ICIRIKITSE (FORMATION PROFESSIONNELLE).
 - E. USHINZWE UWANDITSI N'AMABANGA (SECRETAIRE - DACTYLOGRAPHE).
 - F. USHINZWE ISUKU N'UBUTUMWA (PLANTON).

N B . NDONGERA KWIBUTSA KO TURI BABIRI GUSA KURI IYO MIRIMO YOSE NAVUZE HARUCURU.

IYI GAHUNDA YASHOBOKA ARUKO HABONETSE ABAKOZI BAHAGIJE, KANDI BAKANAGIRA

UBURYO BWO KUBAFASHA GUKURIKIRANA IYO MIRIMO YOSE (MOYEN MATERIEL ET PECUNIAIRE).

... / ...

ISIGANWA RY'AMAGARE Y'ABAMUGAYE BAGENDERA KU MAGARE RYO KU WA 3/12/97:

DORE UKO BAKURIKIRANYE N'IGIHE BAKORESHAJE BASIGANWA KURI KM 1,500:

1. BATUNZI YOHANI	5'35"
2. BIMENYIMANA YUSUFU	6'41"
3. BYUNVUHORE ABUDU	6'49"
4. NIZEYIMANA EMMANUEL	6'50"
5. MUSABYIMANA ELIYASI	7'20"
6. UWITONZE ISILONI	7'32"
7. NYIRAKABAYA ODETA	8'38"
8. NYIBANYENDERA ERINESITE	8'55"
9. MUKOBWAYIRE CHANTAL	9'40"

IRINDI SIGANWA RYABO RYABAYE KU WA 6/12/97 BAZENGURUKA IKUBUGA (CIRCUIT FERME) M 800:

1 . DOMINIKO	2'54"	UMUNYERONGO
2 . GERIVASI	3'01"	"
3 . CYOMBE	3'08"	"
4 . KAMATE	3'20"	"
5 . BASHIMBE	3'22"	"
6 . BIRINDWA	3'24"	UMUNYARWANDA
7 . GATUNZI	3'27"	"
8 . BIMENYIMANA	3'32"	"
9 . NIYONZIMA	3'38"	"
10 . BINWA	3'52"	"
11 . NSANZABANDAI	3'52"	"
12 . UWITONZE	4'18"	"
13 . BASHUKA	4'25"	UMUNYERONGO
14 . BUGUREWINKA	4'27"	"
15 . NYIBANYENDERA	4'35"	UMUNYARWANDA
.../...		

16 . NDAGLJIMANA	4°38" UMUNYARWANDA
17 . HABUYAMBERE	4°39" "
18 . NDODE	4°49" UMUNYERONGO
19 . MUGANGA	4°50" UMUNYARWANDA
20 . MUYANEZA	4°54" "
21 . BYUNVUHORE	4°55" "
22 . IMAPUKAMBA	4°56" "
23 . SEBAGATI	5°09" "
24 . HABIMANA	5°12" "
25 . MARIKO	5°20" UMUNYERONGO
26 . BYUNVUHORE FIDELI	5°27" UMUNYARWANDA
27 . BUTERA	6°10" "
28 . MUSABIMANA	6°6'39" "
29 . PASIKALI	6°55" UMUNYERONGO
30 . KAREMA ASSUMANI	7°10" UMUNYARWANDA

N B . INYO SIGANWA RYARI RYAHUTE ABAMUGAYE BACHENDERA KU MAGARE BO MU RWANDA
 NABO BATUMIRA BAHENZI BADO BACHENDERA KU MAGARE BO MURI KONGO (GOMA).

... / ...

IRUSHANWA RYO K O G A RYO KU WA 28/12/97 MU KIYAGA CYA K I V U :

AMAZINA ! INYAKA ! IGIHE BAKOSESHEJE

A: ABAKWOBWA: M 120 :

1. MUGENI MEDIATRICE	! 15	! 2'59"
2. MUKAMURENZI PACIFIQUE	! 17	! 3'01"
3. BWIZA LILLIANE	! 17	! 3'21"
4. MUSHAKARUGO CHANTAL	! 16	! 3'26"
5. MUGIRE BERWA EVODIE	11 (60 M)	! 1'46"

B. ABAHUNGU M 240:

1. KAYISHEMA J AIME	! 17	! 4'51"
2. NIYIBIZI INNOCENT	! 16	! 5'01"
3. NDAHIMANA	! 17	! 5'47"
4. GENDANEZA GASTON	27	! 6'04"
5. TWAHIRWA VICTOR	! 15	! 6'09"
6. NSABIMANA LUCIE	! 20	! 6'14"
7. MARUKANE YVES	! 16	! 6'39"
8. MUSHIME ELYSEE	! 12 (60 M)	! 1'35"

FINALE Y'ABAKWOBWA M 60:

1. MUKAMURENZI PACIFIQUE	! 17	! 1'16"
2. MUGENI MEDIATRICE	! 15	! 1'17"
3. MUSHAKARUGO CHANTAL	! 16	! 1'27"
4. BWIZA LILLIANE	! 17	! 1'31"

FINALE Y'ABAHUNGU M 120 :

1. KAYISHEMA J AIME	! 17	! 1'09"
2. NIYIBIZI INNOCENT	! 16	! 1'19"
3. NDAHIMANA	! 17	! 1'31"
4. GENDANEZA GASTON	! 27	! 1'40"
5. TWAHIRWA VICTOR	! 15	! 1'44"
6. NSABIMANA LUCIE	! 20	! 1'45"

... / ...

IRIKINGO Y'ABANA BATAGIRA KIVURIRA YABAYE MURI 97 IKABA YARI INYURANYE:

ABAKWOBA KIRUKA M 1 500 I		ICINE BAKORTSHEJE	IKIGO BAFURUKAMO
1	MUKESHIMANA DELPHINE	5'48"	NGOBOKA
2	MUKAMUGANGA CLAUDE	6'00"	NYUNDO NOEL
3	NZASANGAMARIYA DANIELLE	6'04"	NGOBOKA
4	UMUGIRANEZA CONSOLINE	6'30"	NYUNDO NOEL
5	MUKARUKWAYA	6'30"	MURARA
6	GATESI ZAWADI	6'49"	MURARA
7	MYETE CHANTAL	7'12"	MURARA
8	MUKAMENGIYUNVA M.ANGE	7'50"	NYUNDO NOEL

ABAHUNGU M 1 500

1	NSABIMANA FRANCOIS	4'59"	NYUNDO NOEL
2	NIYONZIMA EMMANUEL	5'06"	"
3	BAYIRINGIRE JEAN PAUL	5'17"	"
4	MUBANO	5'25"	MURARA
5	SIBOMANA FELICIE	5'30"	TIKOMEZE
6	MUHIRE KIGINGI	5'46"	MURARA
7	NSABIMANA GILBERT	6'05"	TIKOMEZE
8	SEMUNWA EUGENE	6'10"	NYUNDO NOEL
9	NGURITO PEPEYI	6'12"	NYUNDO NOEL
10	TUYISHIMU JOSEPH	6'25"	NGOBOKA
11	TWAGIRAYEZU CHRISTOPHE	6'37"	

KIRUKA KIKOMEYE AMAZI KUZUYE INDOBO BAYIRINGIREYE K'UMUTWE:

1/	ISTIMBE	UMUKWOBA	NYUNDO NOEL
2.	NIYONZIMA	UMUHUNGU	"
3.	NGIRIMANA	UMUHUNGU	MURARA

GUSIGANWA BARI MU MIFUKA:

1.	NDAYAMBAJE THEOGENE	UMUHUNGU	NGOBOKA
2.	UMUHOREYE ODETTE	UMUKWOBA	MURARA
3.	INGABIRE	UMUKWOBA	MURARA
4.	BASABOSE IBRAHIM	UMUHUNGU	TIKOMEZE

GUSIGANWA BAKOMESHYA AMABOKO:

1.	UMUKIZA	UMUHUNGU	NYUNDO NOEL
2.	SAMIRA	"	MURARA
3.	AMUKWAGO	"	"

... / ...

D.
IMBONERAHAMWE Y'IBIBUGA BY'IMIKINO MURI PEREPEGITURA YA GISENYI :

KOMINI	F.B.	B.B.	V.B.	TENNIS	H.B.	PISTE D'	INCORORA	ABANYAMAGARE (CYCLISTES)	K O G A
							MUBIRI (ATHLETES)		
1. RUBAVU	10	4	4	1	-	1	22	24	20
2. RWERERE	1	1	2	-	-	-	-	-	-
3. MUTURA	8	1	1	1	1	-	18	-	-
4. KANAMA	6	3	5	1	3	-	-	-	-
5. NYAMUYUMBA	12	4	6	-	-	-	50	15	12
6. KAYOVE	12	1	2	-	-	-	149	15	20
7. KARAGO	7	4	5	1	1	-	39	3	-
8. GICIYE									
9. GASEKE	6	2	4	-	1	-	23	-	-
10. SATINSYI	9	2	6	1	1	-	23	-	-
11. KIBIRIRA	4	3	6	-	3	-	22	-	-
12. RAMBA	3	4	4	-	3	-	53	-	-
TOTAL 12	78	29	45	5	13	1	399	57	52

C. IMBONERAHAMWEY, IMYIDAGADURORO MURI PEREPEGITURA YAGISENYI:											
KOMINI	Orchestre	GROUPES	ABAVUZA	INTORE	SOLISTES	INZU MBERABYOMBI	ABAJYAMO (CAPACITE D'ACCUEIL)				
		FOLKLORIQUES	INGOMA			SALLES POLYVALENTES					
1. RUBAVU	1	5	1	2	8	4	Buri Nzu 500				
2. RWERERE	-	11	2	1	7	1					
3. MUTURA	-	5	-	1	5	2					
4. KANAMA	-	3	1	2	4	2					
5. NYAMYUMBA	-	11	4	5	4	2					
6. KAYOVE	-	9	6	4	43	1					
7. KARAGO	-	1	-	-	2	2					
8. GICITYE	-	2	-	-	5	2					
9. GASEKE	-	3	2	4	3	3					
10. SATINSYI	-	8	1	4	3	2					
11. KIBIRIRA	-	8	1	4	3	2					
12. RAMBA	-	8	5	8	48	1					
TOTAL 12	1	66	22	31	142	23					

IMBONEREHAMWE Y'IMYUGA MURI GISENYI
HAKURIKIJWE IBONEKA MU MAKOMINI
N'IBYICIRO BYAYO.

KOMINI.....

AMAZINA YA MASHYIRAHAMWE CYANGWA AY'ABANTU KUGITI CYABO	- IZINA RY'IMYUGA AFITE CYANGWA BAFITE
---	---

URUGERO

1. KOTAGIRWA (Tannerie et maraquinorie)	- Gukora IMPU (abakannyi)
2. KALISA KALORI (Sculpture en bois	- Kubaza amashusho
3. KAMBAYIRE (Tricoteuse)	- Kuboha impira yambarwa
4. DUTERANINKUNGA (Butunda et Vin de bananier)	- Gukora butunda na divayi mu bitoki
5. ABAMARARUNGU (Cartes Postales en feuilles de bananiers et poupées en tissus	- Bakora amakarita yitumanaho n' - ibikinisho by'abana mu birere n' - myenda
6. KARARA JEAN (Serrurier)	- Akora amagufuri n'ibindi.....

P.C.
REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO
UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE
B.P. 1044 KIGALI
TEL: 8 3527
FAX: (250) 8 3518

Kigali, ku wa 23/10/97

N°1201.21.00

Bwana Muyobozi w'Urubyiruko, Siporo,
Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse
ku **GIKONGORO**.

IMPAMVU : Gusaba raporo
irambuye k'umuco.

Bwana,



Ndakumenyesha ko raporo y'igihembwe
cya kabiri yangezeho. Icyakora raporo irambuye k'umuco n'inkunga
y'amafaranga uvuga ko bisobanuye ku buryo burambuye k'umugereka wa
raporo wohereje ntayiriho.

Niyo mpamvu ngusabye kuyohereza.

Dogiteri Yakobo BIHOZAGASA
Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco
no Kwigisha Imyuga Iciriritse

Bimenyeshejwe :

- Bwana Perefe wa Perefegitura
GIKONGORO.



...кинда царого ілатице
 да ко бо баниче кибичуо
 биатбице кимирека шіці
 царого нтайо тавачице.
 Дн

Innocent

$$\frac{74}{08} 97.$$

NYAKUBAHWA MINISITIRI
W'URUBYIRUKO, IMIKINO,
UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA
ICIRIRITSE
B.P. 1044 KIGALI.

UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO, IMIKINO
UMUCO, NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE
PREFEGITURA YA GIKONGORO
TALIHI YA 31/07/1997.

*Innocent
pour exploitation
des services
des directions
JBY
27/8/97*

IMPAMVU: RAPORO Y'IGIHEMBWE CYA KABIRI 1997.

A traiter par
Date entrée: 26/08/97
N° Classement: 123456

Nyakubakwa Minisitiri,

Mbandikiye iyi baruwa mbagezaho raporo y'igihembwe
cya kabiri yerekeranye n'ibikorwa, ibibazo abakozi muri rusange.
Hakubiyemo urubyiruko, imikino, naho imyuga iciriritse igeze muri Prefegitura
ya Gikongoro.

Nyakubakwa Minisitiri, mboneyeho no kubashyitsaho
ibibazo dukura nabyo mu kazi dushinzwe.

Mbifulije kubyakira neza.
Murakoze.



Edward BYARUHANGA
Umuyobozi w'Urubyiruko, Imikino, Umuco
no Kwigisha Imyuga Iciriritse ku Gikongoro.

Bimenyeshejwe:

- Bwana Prefe wa Prefegitura
GIKONGORO.

URUBYIRUKO: Dukurikije gahunda twahaye twasuye urubyiruko rwa mu makomini turukangurira umurimo kugirango rugire imibereho myiza cyane cyane muri Komini KIVU, MUSEBEYA, KARAMBO ndetse rugaharanira ubuzima bwiza buzira umuze "Santé reproductive" (Reproductive health) Aha twifashishaga abayobozi bamakomini n'amashyirahamwe yabo. Ni mururwo rwego twanditse umushinga wo gukugura urubyiruko ruzigisha urundi "Peer Educators" abantu bashyika kuri 40 bafasha muri ako kazi katoroshye. Uwo mushinga twahaye FNUAP/UNFPA ariko nubu ntabwo uragira icyo udusubiza turategereje.

Ubu amashyirahamwe y'urubyiruko atangiye kuvuka amenshi agamije kwishakira akazi, urugero: ni nka URUMURI rwa Komini MUDASOMWA na Orchestre AFOFUGAG (Urubyiruko rwakoze ingando) , ABARWANASHYAKA ba Komini KIVU n'andi atari menshi. Kuva tuvuye mu ngando ya NYAMYUMBA i RWAMIKO twafatanije n'abayobozi bamwe mugushakira urubyiruko akazi k'amaboko kugeza ubu abana bashyika kuri 40 bakoraga ibiraka mu bishanga bya Mushishito na Muzirantwago ho muri KARAMA na MUDASOMWA. Kutagira imyuga yizwe n'urubyiruko n'ikibazo cyitoroshye akaba ariyo mpamvu Abihayimana ba Batista b'i Musange ndetse na Musebeya ubu batangiye kwigisha ububaji, ubwubatsi ndetse no kudoda. Twasuye iryo shuli ry'i Musange ubu rikorera ahahozze CERAI ariko naho ibibazo byari byinshi, urugero: Nta Sylabus bagira, nta bikoresho bikenerwa yewe n'abalimu ntamuhurwa bigeze ngo bakore akazi kabo mu buryo Minisiteri yavuguruye. Ntamburyo bwo kubaha Impamyabushobozi bafite akaba ariyo mpamvu twabagiriye inama yo kujya i KIGALI kugirango bibonane nababafasha kurushaho, maze akazi kabo kakagira gahunda iboneye. Kimwe n'Umuryango TROCAIRE wigisha Kudefuliza, Guteka, Kudoda no Gufuma nawo ufite ibibazo bisa usibye ibikoresho.

Mugihembwe kirangiye twakoze na Mobilisation y'urubyiruko rwakoranye ingando n'abanyeshuri batahutse vuba rushyika kuri 480 ruvuye mu makomini yose ya GIKONGORO. Kumugereka w'iyi raporo hakaba hometseho nabakurikiranye ayo mahugurwa bose uko ari 880 ku Gasaka-NYAMAGABE. Nkuko mwadushyize kubagezaho raporo ya Site ya KIBEHO/MUBUGA nayo twayibashyikijeho tukaba dutegereje amabwiriza ngo nabwo akazi k'iyi ngando gakomeze.

.../...

RWANDA RW'EJO: Ikigo k'Imurambi nkuko twabamenyesheje muri raporo y'ubushize gikomeje gucumbikira no kugaburira abo bana ariko ibibazo birahari:

1. Ntagahunga yabo bana b'inzererezi ihanye ya Minisiteri, akaba ariyo mpamvu twifuza ko mwadufasha ari mu rwego rwa gashyamba ubwayo, ndetse n'abashyamba babishoboye kuko ubu nta mukazi wa Minisiteri uhari uhoraho muri icyo kigo.
2. Imiryango yadufasha ariko habonetse Politiki nyayo yabo bana ni nka (PAM) isanzwe ibagaburira ikamafasha mugutunganya igishamba cy'ikigo kugirango haboneke umusaruro wafasha mugutunga abana. Gusa nuko imbuto na technique nabyo ari ibibazo.
3. Ubushobozi bwo gutunga abana ba Gikongoro bo mu mihanda (Street Children) bw'icyo kigo ntabwo buhari, bimenyesha ko bacyandagaye.

IMIKINO: Mu rwego rw'imikino, Bwana Perefe ndetse n'umuryango TROCAIRE bafatanije gukora ikibuga cya Nyagisenye ariko hataganiye kuzaba Stade y'imikino, kikaba ari ikibazo gikomeye cyabangamiye imikino n'abakunzi bayo muri rusange n'urubyiruko by'umwihariko.

Kuva mu kwezi kwa kane amakomini yatangiye gukina n'andi muri Football ugasanga biritabirwa ariko inzitizi zikaba imipira mikeya, ishaje kandi nta yindi tugira yo kuyisimbura.

Sports School nayo irakomeje ubu Perefe giturira ya BUTARE n'ikiye yatsinze mu mashuri ya Gikongoro (KIGEME) bakomeje guhatana.

UMUCO: Ibitaramo by'Ubumwe, Amahoro n'Ubwiye byarakoreshejwe ku rwego rwa za Suprefegitura, biteguye tariki ya 20/07/1997 aribwo amatorero 12 yaserutse akamamaza icyo "Thème" ariyo Amahoro n'Ubwiye bw'Abanyarwanda.

Raporo irambuye n'inkunga y'amafaranga irasobanuye ku buryo burambuye kumugereka w'iyi raporo.

IMYUGA ICIRIRITSE: Mururwo rwego ntabwo navuye ko hari ishuri ry'imyuga ryakunguwe kumugaragaraho uretse MWOGO hashyitse ibikoreshe by'ibanze. Abana bahari twabonye n'abashinzwe kubakura aribo MIGEFASO ndetse na SAVE THE CHILDREN (UK) badusezeranya ko mubumwe bibiri bari bube batanze igishamba.

.../...

ABAKOZI: Uwahoze ari umukozi w'Amashyirahamwe twakoranaga muri iyi Service ya Encadrement twaherekaniye amadosiye ajyanye n'ibikorwa yashinzwe nyuma ya "reshuffle" ubu dusigaye turi bane gusa aribo Planton, Umwanditsi, Encadreur Adjoint, nanjye.

Mu makomini abayobozi barahari uretse muri Komini MUSEBEYA ho ataremerwa neza n'urubyiruko ubwarwo, ariko nkaba mbizeza ko vuba nzabagezako uwo twemeje. Uwa MUBUGA nawe yabaye ashimbujwe Burugumesitiri mugihe ahagaritswe, akazasubira mukazi ke umuyobozi w'iyi Komini mushya aramutse yemejwe.

- IBIBAZO RUSANGE:
1. Amasezerano mwahaye abana (urubyiruko) rwakoze ingando ya RWAMIKO ntabwo compte (Account) zabo zo muri Banki z'abaturage zirafungurwa.
 2. Abana mwadusabye bakurikirana imyuga iciriritse ariyo Gukanika no gutwara amakanyo ntabwo habonetsemo nabakeya igihe mwahamagaraga kuri Radio abazitabira ayo masomo.
 3. Ibikoresho by'imikino cyane cyane imipira ntabihari ndetse naba tekenisiye aka referee, coocheur n'abandi ntabwo babisobanukiwe neza.
 4. Ubujiji ku cyorezo cya SIDA murubyiruko kandi abakangurambaga tudafite ubushobozi bwo kubakugura.

UMWANZURO.

Nyakubakwa Minisitiri, sinarangiza ntabamenyesheje ko muri rusange hano akazi nabonaga kagenda neza kandi n'ibibazo bivutse tugerageza kubikemura twifashishije inzego z'ubuyobozi dukorana.

Murakoze mugire amakoro.

Edward BYARUHANGA

Umuyobozi w'Urubyiruko, Imikino, Umuco
no Kwigisha Imyuga Iciriritse muli Prefegitura
ya GIKONGORO.